REPUBLIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'IBURASIRAZUBA
AKARERE KA BUGESERA
B.P.1 NYAMATA

ITANGAZO

Ubuyobozi bw'Akarere ka Bugesera buramenyesha abasabye akazi ko kwigisha mu mashuri abanza, ayisumbuye, ay'imyuga n'ubumenyingiro bemerewe kuzakora ibizamini byanditse **(Selected candidates)** nkuko bigaragara ku malisiti ari kuri website y'Akarere **(www.bugesera.gov.rw),** ko basabwa kugeza ku biro by'Akarere ka Bugesera bitarenze taliki **21/10/2020** ibi bikurikira:

1. Abazakora ibizamini ku myanya ya **A2** bazazana **indangamanota z'imyaka itatu ya nyuma (S4, S5 & S6)**

2. Abazakora ibizamini ku myanya ya **A1, A0** bazazana **Transcripts** z'imyaka bize muri kaminuza.

3. Umukandida ufite ubujurire asabwe kwandikira Umuyobozi w'Akarere ibaruwa ikagezwa mu bunyamabanga bw'Akrere ka Bugesera bitarenze taliki ya 21/10/2020, ku mugereka hariho icyemezo akuye kuri email cyerekana igihe yatangiye ibyangombwa bye.

ICYITONDERWA:

1. Hakenewe **Hard copies** gusa, uzabicisha kuri **email ntibizasuzumwa**
2. Indangamanota cyangwa transcripts zishyirwa mu ibahasha ifunze yanditseho amazina yombi yanyirabyo, telefoni, umwanya w'akazi umukandida yemerewe gukoraho ikizamini, urwego rw'impamyabumenyi / impamyabushobozi afite (A2, A1, A0) akerekana ko yize uburezi cyangwa atabwize.

Bikorewe i Bugesera, kuwa 16/10/2020

MUTABAZI Richard

Umuyobozi w'Akarere ka Bugesera